## AMABWIRIZA AGENGA CYAMUNARA

- **Kwinjira mu cyamunara nta kiguzi bisaba, buri wese ubishaka kandi ubifitiye ubushobozi yemerewe gupiganwa, bitewe nicyo ahisemo;**

- Ibikoresho bizagurwa uko biri, kandi UR HOLDINGS GROUP LTD ntizaryozwa imiterere cyangwa umumaro wabyo bigendanye n'icyo bizakoreshwa/All obsolete assets and scrap materials will be sold **on an "as- it is, where it-is" basis**, with no warranty or guarantee regarding their condition, performance, or suitability for any intended purposes.

- Abifuza kwinjira mu cyamunara baragirwa inama yo kubanza gusuzuma neza ibikoresho bifuza gupiganirwaho mu gihe cyateganyijwe cyo kubisura mbere yo gutanga ibiciro/Prospective bidders are encouraged to inspect the items during the designated viewing period before submitting their bids.

- **Gahunda yo gusura aho ibikoresho biherereye iteguwe ku buryo bukurikira:**

| # | Aho ibikoresho biherereye | Amatariki yo gusura | Amazina y'abazasurisha | Telephone z'abazasurisha |
|---|---|---|---|---|
| 1 | **UR Nyagatare Campus** | **Guhera 26/08/2026 kugeza 03/09/2026** | **+250788256556** | **Eng. Gaetan Hakizimana** |
| 2 | **UR Rukara Campus** | | **+250783732726** | **Mr. Willy Shyirambere D.** |
| 3 | **UR Rwamagana campus** | | **+250739352199** | **Mr. Andrew Kamanzi** |

- **Ingwate y'ipiganwa ingana n'icumi ku ijana (10%) by'igiciro uwapiganye yatanze (Auction Bid Price) igomba kuba igizwe na kimwe muri ibi bikurikira: (1) Sheki izigamiye (Certified banker cheque) igenewe UR HOLDINGS GROUP LTD cyangwa (2) Kwishyura amafaranga y'ingwate yavuzwe haruguru kuri Konti ya UR HOLDINGS GROUP LTD No.: 4410772724 ifunguye muri BPR BANK RWANDA Plc bityo upigana agatanga/agashyira mu ibahasha icyemeza ko ayo mafaranga yishyuwe kuri konti yavuzwe haruguru (Proof of bank deposit/Bordereau de Versement).**

  **Icyitonderwa cya 1:**

  Upigana yemerewe kuba yatanga ingwate imwe imwe ingana n'icumi ku ijana (10%) by'igiciro upigana yatanze kuri buri Lot yapiganiweho cyangwa akaba yazikusanyiriza hamwe ku ma Lots yose, hagatangwa sheki imwe y'imbumbe cyangwa hagakorwa deposit /versement imwe ariko ingwate yatanzwe kuri buri Lot ikagaragazwa neza hakoreshejwe imbonerahamwe cyangwa ''form'' ikoreshwa mu gutanga ibiciro, iboneka muri aya mabwiriza.

- **Amabahasha afunze neza akubiyemo ibiciro ndetse n'ingwate y'ipiganwa**, azatangwa ku cyicaro gikuru cya UR HOLDINGS GROUP LTD, giherereye muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus), inyubako ya Ikaze (Ikaze Building) ahahoze hakorera KHI, muri etaji ya mbere (1st Floor), umuryango wa **1R05 (Logistics Office)** bitarenze taliki ya **04 Nzeri 2026 saa kumi n'imwe za nimugoroba (17:00)** ku isaha yo mu Rwanda.

- Abifuza kwinjira mu cyamunara **bakwifashisha imbonerahamwe (table/template) ikurikira mu gutanga ibiciro byabo:**

UNIVERSITY OF RWANDA HOLDINGS GROUP LTD ACCOUNTS SECTION

**IMPAMVU:** **GUPIGANWA MU CYAMUNARA CYA UR HOLDINGS GROUP LTD**

Bijya/Bigenewe (To/Addressed to): UR HOLDINGS GROUP LTD, TIN: 102450793

Amazina y'upigana: ______________________________________________

Aho upigana aherereye/Akorera: Akarere: _______________, Umurenge: ___________
Akagari:________________ Umudugudu):___________________

Nimero y'indangamuntu/TIN:_______________________________________________

Telefoni ngendanwa: ________________________________________________________

Aderesi imeli (email):_____________________________________________________

Site y'aho ibikoresho bipiganirwaho biherereye: _________________________________

Imbonerahamwe igaragaza amakuru agendanye n'ibiciro upigana yapiganiweho/yatanze

| # | Numero iranga Lot yapiganiweho/ Lot Number | Igiciro cyatanzwe n'upigana kuri buri Lot yapiganiweho, FRW | Ingwate yatanzwe (10% by'igiciro), FRW | Nimero iranga ingwate yatanzwe (Cheque No/Payment Slip No.) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | | | | |
| 2 | | | | |
| 3 | | | | |
| 4 | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| Igiteranyo (Total) | | | | |

Bikorewe, ……………………kuwa ………/……..../2026

Umukono (Signature):_________________________________________________________

Byemejwe na (Amazina yombi):_________________________________________________

Icyo ashinzwe (Title/Position__________________________________________________

Kashi (*mu gihe upiganwa ari kompani cyangwa koperative*): ______________________________



UNIVERSITY OF RWANDA HOLDINGS GROUP LTD ACCOUNTS SECTION

- **Icyitonderwa cya 2**:

  Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro ndetse n'ingwate y'ibiganwa agomba gutegurwa, agafungwa agatangwa hagendewe ku mashami ya Kaminuza y'u Rwanda cyangwa Sites ibikoresho biherereyeho. Bivuze ko, ushaka gupiganirwa kuri Sites zose uko ari eshatu: Site 1: UR Nyagatare Campus, Site 2: UR Rukara Campus, Site 3: UR Rwamagana Campus, agomba gutanga amabahasha atatu (3) atandukanye, kandi agaragaza neza Site (s) upigana yatanzeho ibiciro.

- **Gufungura amabahasha y'ipiganwa bizakorwa mu ruhame ku matariki akurikira**:
  - **Taliki ya 07 Nzeri 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Nyagatare Campus.
  - **Taliki ya 08 Nzeri 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Rukara Campus
  - **Taliki ya 09 Nzeri 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Rwamagana Campus
- Amafaranga y'ingwate niyo uwegukanye/uwatsindiye ibikoresho aheraho yishyura.
- Utazabasha kugira ibyo atsindira muri cyamunara azasubizwa ingwate ye nyuma mu gihe cyitarenze iminsi cumi n'itanu (15 days), nyuma yo kugurisha mu cyamunara.
- Uzegukana ibyo yapiganiye n'umuntu ku giti cye, kompanyi, cyangwa ishyirahamwe, bizaba byatanze igiciro gisumba icy'abandi.
- Uguze asabwa guhita **yishyura icumi ku ijana (10%) by'agaciro k'ibyo yatsindiye ako kanya, akoresheje sheki izigamiye (certified cheque)** igenewe **UR HOLDINGS GROUP LTD** cyangwa akishyura kuri Konti No.: **4410772724** ya UR **HOLDINGS GROUP LTD,** iri muri **BPR BANK RWANDA Plc,** andi asigaye **90%** akayishyura mu gihe kitarenze **iminsi icumi n'itanu (15 days)** ibarwa uhereye igihe cyamunara yabereye.
- **Uzatsindira umutungo akamara iminsi cumi n'itanu (15 days) atarishyura 90% by'amafaranga asigaye, ubugure bwe buzahita buta agaciro, kandi na 10% yatanze mbere ntazayasubizwa.**
- Uwishyuye amafaranga yose asabwe gutwara ibyo yaguze mu gihe kitarenze **iminsi cumi n'itanu (15 days)** amaze kwishyura, utazabyubahiriza akazajya **acibwa igihano y'ubukererwe gihwanye na 1.5% cy'igiciro cy'ikiguzi cy'uwo mutungo kuri buri munsi w'ubukererwe**, hanyuma igihano cy'ubukererwe cyagera kuri 50%, uwaguze umutungo azafatwa nk'uwananiwe, bityo akazahita atakaza uburenganzira kuri uwo mutungo, ndetse n'amafaranga yose yatanze, bityo uwo mutungo ukagurishwa bundi bushya;
- Nyuma, uwishyuye amafaranga yose ahabwa icyemezo cy'uko yatsindiye uwo mutungo/ibikoresho muri cyamunara (Auction Agreement), ndetse agahabwa uburenganzira bwo guhita awupakira, akawutwara.

  Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara cyangwa akohereza ubutumwa kuri aderesi z'abakozi bahagarariye Akanama gashinzwe guteza cyamunara ibikoresho (Asset Disposal Committee) muri UR Holdings Group Ltd:

| # | Nimero ya Telephone | Aderesi Email |
|---|---|---|
| 1 | +250783861847 | ninyoka77@gmail.com |
| 2 | +250783566953 | dm.asm@ur.ac.rw |



UNIVERSITY OF RWANDA HOLDINGS GROUP LTD
ACCOUNTS SECTION